RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority

*Kigali on 27/01/2023*
*Ref. N°: FDISM/PVSM/418/FDA/2023*

**Abinjiza imiti mu Rwanda (Bose)**
**Abaranguza imiti (Bose)**
**Amavuriro ya Leta n'ayigenga(Bose)**
**Abadandaza imiti (Bose)**
**Abaganga n'abahanga mu by'imiti (Bose)**
**Abakoresha imiti (Bose)**

**<u>Impamvu</u>: Guhagarika ikwirakwizwa n'ikoreshwa rya nimero zimwe z'imiti ya Gastro-resistant Sodium valproate 500mg na 300 mg y'ibinini ikorwa n'uruganda rwitwa 4Care Lifescience Pvt Ltd /mu Buhinde.**

Dushingiye ku itegeko N° 003/2018 ryo kuwa 09/02/2018 rishyiraho ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti (Rwanda FDA) cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8, igika cya 2 n'icya 13;

Hashingiwe kandi kuri raporo zakiriwe na Rwanda FDA kuri nimero zitandukanye z'umuti wa Gastro-resistant Sodium valproate 500mg na 300 mg w'ibinini itujuje ubuziranenge;

Hashingiwe na none ku busesenguzi bwimbitse bwakozwe na Rwanda FDA n'ibipimo by'ubuziranenge byapimwe na laboratwari byagaragaje ko nimero zimwe z'imuti ya Gastro-resistant Sodium valproate 500mg na 300 mg ikorwa n'uruganda 4Care Lifescience Pvt Ltd itujuje ubuziranenge;

Kubw'ibyo, Rwanda FDA ihagaritse ikwirakwizwa n'ikoreshwa rya nimero z'imiti igaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

| IZINA RY'UMUTI | NIMERO Y'UMUTI | IGIHE WAKOREWE | IGIHE UZARANGIRIRA | URUGANDA RWAWUKOZE |
|---|---|---|---|---|
| Gastro-resistant Sodium valproate 500mg w'ibinini | 4S09201 | 28/02/2022 | 31/01/2022 | 4Care Lifescience Pvt Ltd /India |
| Gastro-resistant sodium valproate BP 300 mg w'ibinini | 4S08201 | 02/2022 | 01/2025 | 4Care Lifescience Pvt Ltd/India |


*Rwanda FDA, P.O.Box:1948 Kigali-Rwanda, Email: info@rwandafda.gov.rw*
*Website: www.rwandafda.gov.rw, Toll Free:9707*

**Rwanda FDA irasaba:**

- Abinjiza imiti mu gihugu bose, farumasi ziranguza, zidandaza, amashami yose ya RMS Ltd, amavuriro ya leta n'ayigenga guhagarika gutanga no kugurisha nimero z'umuti wavuzwe haruguru bakawusubiza aho bawuranguriye

- Abinjije iyi miti mu gihugu barasabwa gutanga raporo kuri Rwanda FDA igizwe n'imibare y'ingano y'uwo baranguye, uwo bagurishije, uwagaruwe ndetse n'ingano yose bazaba bafite mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu uhereye ku itariki y'iri hagarikwa.

**Icyitonderwa:** Ku bindi bisobanuro ndetse no gutanga amakuru ajyanye n'ubuziranenge bw'imiti bukemangwa mwahamagara kuri numero igendanwa 0789 193 529 cyangwa mukatwohererereza email kuri **pv_sm@rwandafda.gov.rw**

Murabona amafoto y'imiti ya Gastro-resistant Sodium valproate 500mg na 300 mg y'ibinini kuri paji ikurikira.

Murakoze,

**Dr. Emile BIENVENU**
**Umuyobozi Mukuru**

**Photo of recalled medicines**



*Rwanda FDA, P.O.Box:1948 Kigali-Rwanda, Email: info@rwandafda.gov.rw*
*Website: www.rwandafda.gov.rw, Toll Free:9707*









*Rwanda FDA, P.O.Box:1948 Kigali-Rwanda, Email: info@rwandafda.gov.rw*
*Website: www.rwandafda.gov.rw, Toll Free:9707*